Bibiliya y'abana
irerekana

Nowa n'umwuzure

yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus

yahujwe na: M. Maillot; Tammy S.

yahinduwe na: Elizabeth Johnson

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2013 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru
igihe cyose utagamije kugurisha.


Nowa yari
umugabo uhimbaza Imana.
Abandi bose bangaga Imana
bakanayisuzugura. Umunsi
umwe, Imana ibwira ibintu
bitari byiza nowa iti, "Ngiye
kurimbura iyi
si mbi,"
"umuryango wawe
wonyine niwo
uzarokoka."

Imana iburira Nowa ko umwuzure ukaze cyane uzaza ugatwikira isi. Nowa arabwirizwa ngo, "ubaka inkuge, ubwato bunini buhagije ku muryango wawe n'inyamaswa nyinshi." Imana iha Nowa amabwiriza ahamye. Nowa atangira gukora!

Byanze bikunze Nowa abantu baramusekaga abasobanurira impamvu arimo gukora inkuge.
Nowa akomeza kubaka. Yakomeje no kubwira abantu iby'Imana. Ntawumvise.

Nowa yagiraga ukwemera kwinshi. Yizeraga Imana n'ubwo imvura itari yarigeze kugwa mbere. Mu gihe gito inkuge yari yuzuye ngo ijyemo ibigomba kujyamo.

Haza inyamaswa. Imana yazanye ku moko arindwi,
n'abiri ku yandi moko. Inyoni nini n'into, inyamaswa
nto n'inini byose bifata inzira
ijya mu nkuge.

Birashoboka ko abantu bahutazaga
Nowa bakanamutuka kuko
yinjizaga inyamaswa.
Ntibigeze bahwema
gucumura ku Mana.
Ntibigeze basaba
kwinjira mu nkuge.

Iherezo, inyamaswa zose
n'inyoni byageze mu nkuge.
Imana
itumira
Nowa iti,
"Ngwino mu
nkuge, wowe
n'umuryango
wawe." Nowa,
Umugore we, abahungu
be batatu n'abagore babo
binjira mu nkuge. Noneho
Imana ifunga urugi!



Hanyu imvura iragwa.
Imvura nyinshi izana
umwuzure ku isi umara
iminsi mirongo ine
n'amajoro mirongo ine.

Amazi y'umwuzure arengera imirwa n'imijyi. Igihe imvuza yahagaze kugwa, n'imisozi yari yararengewe n'amazi. Ibihumeka umwuka byose byarapfuye.


Uko amazi yuzuraga, inkuge yarerembaga hejuru yayo. Hashobora kuba hari hijimye mo imbere, hashobora kuba hari hameze nabi, hashobora no kuba hari hateye ubwoba. Ariko inkuge yarinze Nowa umwuzure.

Nyuma y'amezi atanu y'umwuzure,
Imana yohereza umuyaga wumisha.
Buhoro, inkuge iza guhagarara
hejuru mu misozi ya Ararati.
Nowa agumamo imbere indi
minsi mirongo
ine amazi
agabanuka.

Nowa yohereza igikona n'inuma hanze abinyujije mu idirishya ry'inkuge. Ntihaboneka ubutaka bwumutse bwo kuruhukiraho, inuma igarukira Nowa.

Nyuma y'icyumweru,
Nowa arongera
arageragеza. Inuma
igarukana ikibabi
cy'umunzenze mu kanwa kayo.
Icyumweru gikurikiyeho
Nowa amenya ko isi
yumye kuko inuma
itigeze
igaruka.

Imana ibwira Nowa ko cyari igihe cyo gusohoka mu nkuge. Afatanyije umuryango we, Nowa asohora inyamaswa.

Ni gute Nowa yashimye! Yubaka igicaniro atambira Imana yo yamurokoye n'umuryango we umwuzure ukomeye.

Imana iha isezerano ryiza Nowa. Ntizongera kohereza umwuzure guhana icyaha cy'umuntu.

Imana yatanze urwibutso rw' isezerano ryayo. Umukororombya wari ikimenyetso k'isezerano ry'Imana.

Nowa
n'umuryango we
babonye itangiriro rishya
nyuma y'umwuzure. Muri
icyo gihe, abamukomoka
ho bongera gutura
isi yose.
Abatuye isi bose
bavuye kuri Nowa n'abana be.

Nowa n'umwuzure

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Itangiriro 6-10

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

Iherezo

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu
nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi! Yohani 3:16